



Inkingi Forces Démocratiques Unifiées United Democratic Forces

☎ ++(250) 728636000 ✉ Fdu.inkingi.rwa@gmail.com

www.victoire-ingabire.com - www.fdu-rwanda.com

Kigali - Rwanda

“Pour un Etat de Droit, la Democratie et l’Egalité de chances”; “For the rule of law, democracy and equal opportunity”

Kigali, kuwa 28 Ugushyingo 2012

Mu Rwanda abaturage bamereye nabi n’inzara kumpamvu za gahunda mbi y’ubuhinzi ; leta ya FPR Inkotanyi yo iremeza ko abaturage bayo bafite ibyo kurya bihagije ko ahubwo batazi kubitegura.

Abaturage hirya no hino mu gihugu baravugaga ko inzara ibamereye nabi kuburyo ndetse bayihaye n’amazina agiye atandukanye aho bamwe bayise « Nyobozi, Tronc commun, Konoshi, Kebuka... ». Abaturage baremeza ko imvano y’iyi nzara ishingiyeye kuri politiki mbi ya leta yaje ibituraho yo guhinga igihingwa kimwe cyane cyane igihingwa cy’ibigori , byatumye indi myaka bari basanzwe bihingira yaragiye itemwa indi ikarandurwa n’ubuyobozi bw’inzego z’ibanze. Abaturage bakavugaga ko izi nzego z’ibanze zibikora mu rwego rwo gushimisha abayobozi bazikuriye mubyo zita guhigura imihigo zititaye ku ngaruka abaturage bazahura nazo. Abaturage baraninubira uburyo n’ibyo basaruye bategekwe ku ngufu kubigurisha ku giciro gito n’abashoramari kuburyo batabona nicyo bageza mu rugo ngo kibatungire imiryango kandi bajya ku isoko bakabihaha ku giciro gihanitse.

Iyi nzara iragaragazwa n’ibura ,ndetse n’izamuka rikabije ry’ibiciro ry’ibiribwa ku masoko atandukanye yo mu gihugu aho ndetse ku bihingwa bimwe na bimwe byari bisanzwe biboneka ku giciro gito nk’ibirayi, imboga, imyumbati, ibijumba, ibitoki, amasaka...ibiciro byabyo byikubye inshuro ebyiri cg eshatu kandi ubushobozi bw’umuguzi nabwo bukaba buhagaze nabi.

Inzego nkuru z’igihugu ariko zikomeza kwemeza ko abaturage bazo bafite ibyo kurya bihagije ko ahubwo ngo abaturage bafite ikibazo cyo kutamenya gutegura indyo yuzuye! Aha umuntu akaba yatanga urugero rw’ikiganiri Minisitiri w’ubuzima yahaye amaradiyo atandukanye mu kwezi ku Ukwakira 2012 ubwo yabazwaga kugira icyo avugaga ku cyegeranyo cy’umuryango mpuzamahanga « Global Hunger Index 2012» <http://www.theeastafrican.co.ke/Rwanda/News/Country+among+those+facing+food+insecurity+/-/1433218/1604210/-/10jrfy5/-/index.html> gishyira uRwanda ku mwanya wa kabiri mubuyugarijwe n’inzara mu karere k’umuryango w’Afrika y’Uburasirazuba. Iki kibazo kikaba kinagora cyane bamwe mu bayobozi bakuru ba leta bafite aho bahurira n’iby’ubukungu bw’igihugu gusobanurira abanyarwanda uburyo bemeza ko ubukungu bw’igihugu ndetse n’umusaruro w’ubuhinzi byiyongerere cyane, mu gihe abanyarwanda bugarijwe bikomeye n’ikibazo cy’imirire mibi aho ingaruka zabyo nka bwaki biri ku kigero cya 45%, ibiribwa ku masoko bidahari , ibiciro ku masoko nabyo bikaba byarazamutse cyane kandi ubushobozi bw’umuguzi bukaba buri kugenda buyoyoka!

☎ (+250) 728636000

✉ Fdu.inkingi.rwa@gmail.com

www.fdu-inkingi.org - www.victoire-ingabire.com - **Donation:** <http://www.fdu-rwanda.com/donation>

Join us on **Facebook:** <http://www.facebook.com/pages/Victoire-Ingabire-Umuhoza-for-President/109504816547> -

Watch us on **YouTube:** <http://www.youtube.com/user/FDUInkingi123> - Follow us **on Twitter:**

<http://twitter.com/VictoireUmuhoza>

Ishyamba FDU-Inkingi rikaba ribona umuti w'iki kibazo utava mu kubeshya no kubeshyera abanyarwanda ko ahubwo hakwiye gufatwa ingamba zihutirwa zo gukumira iki kibazo cy'inzara hakoreshejwe ingamba zikurikira :

-Gusubiramo politiki yo guhuza ubutaka , igakorwa buhoro buhoro kandi hitawe koko ku bihingwa bishobora kwera mu karere runaka ariko na none ntibangamire bimwe mu bihingwa ngandururugo by'ibanze byari bitunze abatwariye .

-Gusobanurira bihagije no kujya inama n'abagenerwabikorwa aribo abatwariye gahunda zitandukanye aho kubaturaho ibyemezo bya huti huti batanasobanuriwe inyungu bazabigiramo.

- Gusubiza abatwariye bimwe mu bishanga kuko bigaragara ko nabyo byari ikigega gikomeye cy'ubukungu bw'abanyarwanda, aho bimwe muri ibi bishanga usanga byareguriwe abashoramari bakoreramo imirimo mu by'ukuri itabungabunga inyungu rusange ahubwo usanga bishingiye ku nyungu z'umuntu ku giti cye aho usanga bimwe bihindemurira amaboberi, imbigo...

-Guhagarika gahunda ya ba runyunyusi basigaye bihisha mu mazina y'abashoramari na ba rwiyemezamirimo inshuro nyinshi bakingirwa ikibabwira na bamwe mu bayobozi maze bakubika urusyo ku bahinzi bakabatwarira umusaruro ku giciro gito cyane bishakiye kuburyo ubona aribo basigaye bungukira muri ubwo buhinzi abatwariye bagatindahara.

-Guhagarika gahungu yo kwangiza imyaka y'abatwariye bikorwa n'abayobozi b'inzego z'ibanze harimo kubatemera intoki , kubaturirira imyaka, ndetse no kubaca amafaranga y'umurengeraho y'amande kuwanzwe kwitemera insina cyangwa kwirandurira imyaka aba yarahunze yiyushye akuya.

FDU-INKINGI

Boniface TWAGIRIMANA

Umuyobozi wungirije w'agateganyo